

**INAMA YA GATANDATU YA UNITY
CLUB IFATANIJE NA KOMISIYO
Y'IGIHUGU Y'UBUMWE
N'UBWIYUNGE**

GABIRO, KUYA 10 -12 UKWAKIRA 2013

Inkingi esheshatu (6) zakoreweho ubushakashatsi ku bumwe n'ubwiyunge mu Rwanda ni izi zikurikira:

1. Imiyoborere myiza
2. Umutekano wa muntu
3. Ubwenegihugu n'ibiranga umuntu
4. Gusobanukirwa amateka
5. Ubutabera nzibacyuho
6. Imibanire

1. Ubukungu,
2. Imibereho myiza,
3. Imiyoborere myiza n'
4. Ubutabera.

Ibyavuye mu bushakashatsi ku gipimo cy'ubumwe n'ubwiyunge mu Rwanda

1) Imiyoborere

- ☐ Hejuru ya 90% y'ababajijwe bafitiye icyizere inzego za Leta n'ubuyobozi bwo ku rwego rw'Igihugu
- ☐ Inzego z'ibanze bazizeye kuri 84%, imitwe ya politike kuri 53,7% n'imiryango itegamiye kuri Letakuri 64,8%.
- ☐ 33.1% mu babajijwe bemeza ko ntaburyo bafite
- ☐ bwabafasha kugera ku bashyiraho amategeko no kuba
- ☐ bwatuma ibitekerezo byabo bishingirwaho naho
- ☐ 34.2% bemeza ko ntaruhare rugaragara bagira mu byemezo by'ingenzi bireba imibereho yabo nk'abanyarwanda.

2) Umutekano wa muntu

- ❑ 86% bemeza ko bo n'imiryango yabo ntacyo batinya bumva cyabahutaza,
- ❑ 70% bakemeza ko nta ntambara ishobora kongera kuba ku butaka bw'u Rwanda mu myaka mike iri imbere,
- ❑ abarenga 94% bemeza ko muri rusange u Rwanda rubereye guturwamo
- ❑ n'abarenga 79% bemeza ko banejejwe n'imibereho bafite muri iki gihe.
- ❑ 25% bemeza ko abaturage bose badahabwa serivisi za Leta ku buryo bumwe,
- ❑ 30% ko umutungo w'igihugu /ibyiza by'igihugu bitagera ku bantu bose kuburyo buzira kuryamirana na
- ❑ 30% bakemeza ko mu Rwanda, abantu bose badafite amahirwa angana yo kubona ubutaka

3) Ubwenegihugu n'ibiranga umuntu

- ❑ 98 % bemera ko bafite ishema ryo kuba abanyarwanda,
- ❑ 93.7% bemeza ko abanyarwanda bo mu moko yose basangiye indangagaciro
- ❑ 96.4% ko ibikorwa n'imigenzereze y'abanyarwanda benshi iteza imbere ubwiyunge;
- ❑ 99.1% bemera ko bifuza ko abana babo bakwibona nk'abanyarwanda aho kwirebera mu buhutu, ubututsi cyangwa ubutwa;
- ❑ 98.1% hemezwa ko igifite akamaro ari kwibona nk'umunyarwanda kurusha ibindi byiciro biranga umuntu

4) Gusobanukirwa amateka

- ❑ 97.9% yababajijwe bemeza ko uruhererekane rw'imyigishirize y'amateka rwateje amacakubiri mu banyarwanda, 94.7% bemeza ko uburyo amateka yigishwa muri iki gihe biteza imbere ubwiyunge mu banyarwanda 87% mu bababajijwe bemeza ko nyuma ya Jenoside, ibyayiteje n'ingaruka zayo byaganiriweho mu kuri kandi bikumvikana ku banyarwanda bose
- ❑ 59.3% nibo bemeza ko amakimbirane hagati y'abanyapolitiki yakemutse
- ❑ 69.7% y'ababajijwe nibo bemeza ko amakimbirane mu Rwanda ashingiye ku buryo amoko yakoreshejwe
- ❑ 39.9% bafite impungenge ko n'ubwo bitemewe n'amategeko, hari abanyarwanda bashobora kuba bakora indi Jenoside iyaba byabashobokeraga.

5) Ubutabera nzibacyuho

- ❑ 93.7% bemeza ko ukuri kuri jenocide kwagiye ahagaragara biciye mu Nkiko Gacaca,
- ❑ Abarenga 80% bishimira ubutabera Inkiko Gacaca zahaye Abanyarwanda
- ❑ Abarenga 80% bemeza ko bagenda bakira ibikomere batewe n'amateka mabi yaranze urwanda n'abanyarwanda
- ❑ 25.9% bumva ko hakiri abashobora kwihorera

6) Imibanire

- ❑ Hejuru ya 90% y'abasubije bemeza ko ntakibazo kigaragara mu mikoranire hagati y'abadahuje ubwoko no kuba babana nk'umugabo n'umugore, 83.3% byabasubije bemeza ko gutira no gutizanya ibikoresho, kugurizanya ,no gufashanya bikorwa hatitawe ku bwoko bw'umuturanyi.
- ❑ 24.7% bemeza ko bigoranye kwizera abo batari ku ruhande rumwe mu gihe cya Jenoside n'aho 30.5% bemeza ko abantu barebanira mu ndererwamo z'amoko

Ibi byose byerekanwe haruguru biratugaragariza ko u Rwanda rumaze gutera intambwe igaragara arinacyo Gituma abanyamahanga baza kutwigiraho.

IBYAGEZWEHO MU BUMWE N'UBWIYUNGE

- Gushobora gukorera hamwe mu bumwe bw'abanyarwanda.
- Twateye intambwe mu bukungu, politiki, ibikorwa remezo, no mu mibereho myiza y'abanyarwanda. Ibi byose bigomba kurindwa, kugira ngo birindwe tugomba gukora ibyo abana bacu bakoze muri **ndi Umunyarwanda** kugira ngo abanyarwanda tugere ku bumwe n'ubwiyunge buhamye/ burambye.
- Hari Abahutu n'abatutsi batakiyumvamo amoko turasaba abanyarwanda baba bakiyumvamo amoko kubireka bakiyumvamo ubunyarwanda kuko aricyo gikuru, ibi bikeneye ukuri no kureka kugundira ibyaduteje ibikomere twivuzza.

- Urubyiruko ruravuga ngo ntidushaka gukomeza kwitirirwa ubwicanyi bwakozwe n'ababyeyi bacu bakoreye umuryango nyarwanda, twebwe turakorera u Rwanda kandi aba bana barihana ibyaha byacu. Twebwe abanyarwanda kuki tubigumana?
- Kwihana, gukira, gusaba imbabazi no kuzitanga biri muri bimwe bitugaragariza ko ubumwe n'ubwiyunge mu banyarwanda bugenda butera intambwe ishimishije.
- Ubufatanye bw'abanyarwanda mu gushaka umuti w'ingaruka za Genocide
- Ubufatanye bw'abanyarwanda mu guhuriza hamwe imyumvire iteze imbere ubumwe n'ubwiyunge.

ISOKO Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE

- Ubuyobozi bwagize ubumwe n'ubwiyunge nimeru ya mbere kugira ngo abanyarwanda bagire imibanire myiza hagati yabo.
- Kera hariho abahutu, abatutsi n'abatwa abazungu bataraza bose bari abanyarwanda kuruta uko baba abahutu n'abatutsi n'abatwa kuko hariho abatutsi bashoboraga kuba abahutu n'abahutu babaga abatutsi.
 - Abamegeri bakomoka kwa NGABO
 - Abagiri bakomoka kwa Bigirimana
 - Abasinga b'abahutu, abatutsi n'abatwa bakomoka kwa Burora

LETA Y'UBUMWE

- Ubuyobozi bwagize ubumwe n'ubwiyunge nimeroyamubere kugira ngo abanyarwanda bagire ubumenyi bw'icyo baricyo, n'imibanire myiza hagati yabo.
- Mbere y'abakoroniyoni; Igihe cy'ubukoroniyoni; Nyuma y'ubukoroniyoni (1959-1962 , Repubulika ya I na Repubulika ya II) n' igihe turimo (1994 -2013).

- None abana bacu nibo bahagurutse bataka kubera ibikomere amateka yabateye, ubuhemu no gucirwa urubanza rw'ibyo ababyeyi babo twakoze. Bati turi “abanyarwanda” twebwe benebyo ko ducecetse, ibikomere dufite byanduza abana dufite inshingano zo kuba abanyarwanda. Ndi umunyarwanda tukayigira iyacu (indocement)

Gushima RPF na RPA

- RPF na RPA ntibari boroheye na gato gushyira mu bikorwa ubumwe n'ubwiyunge mu gihe basimbukaga imirambo ya bene wabo mu mayira hirya no hino bafashe imbunda, bakoze umurimo w'indashyikirwa wo gukora ibi bikurikira:
- Kwinjiza abo barwanaga nabo mu ngabo
- Gushyiraho Policy – no revenge (Kudahora)
- Gushyiraho ubutabera bwunga
- Gushimangira ubumwe n'ubwiyunge
- Guhuza imitwe ya politiki

Twaba tugize ingorane tutigiye ku mateka

- Amateka yateye abanyarwanda inzangano z'abahutu, abatutsi, uturere n'ubuhunzi.
- Ibikomere byatewe na Jenoside yakorewe abatutsi, yasize umubabaro, no gucunaguzwa n'ibyaha ndengakamere no guseniyuka k'umuryango nyarwanda; abanyarwanda bakeneye kuvurwa. Ndasaba mwemere dukundane ibikomere bikire.
- Kuvura ibikomere biracyafite umurimo ukomeye mu bacitse ku icumu biranduza n'abana bavuka. Abakoze jenoside n'ababereye nabo ibikomere byabo ni byinshi kandi nabyo biranduza.
- Nicyo gituma abana batatse, ndetse bagafata ingamba zo gushaka bagenzi babo mu gihugu hose. Natwe tugomba gukira, tugafata ingamba zo kuvurana – road map

Umuti watangwa mu kuvura ibyo bikomere

- Kwihana no kubabarira n'ibintu bikorwa n'umuntu ku giti cye cyangwa se benshi bitewe n'ibyo basangiye biteye agahinda ko mu kuri bazi cyangwa ibyo bakoranye: urugero:
 - Abateguye jenocide
 - Abayishyize mu bikorwa
 - Abataragize icyo bakora kandi bafite uburyo bwo kugikora /indorerezi
- Kubabarira bigirira umumaro utanze imbabazi kandi kwicuza bigirira umumaro uwasabye imbabazi.

Abahutu bake bagize ubutwari

- Hari abahutu bagize ubutwari bahishe, bacikisha abatutsi mu gihe cya Jenocide.
- Aba bantu bagomba guhabwa urubuga rwose bagatanga ubuhamya.
- Tuvuze ko abahutu bose ari abicanyi tuba twivugurujye kuko turiho turubaka ubunyarwanda
- Tuvuze bose twaba dupfobeje jenocide, kuba bose ntawagira responsibility.

- Nk'abayobozi dufite inshingano zikomeye cyane mur'iki gihugu, ndabasaba ko twaba abanyakuri, tukaba intwararumuri mu butore bwacu kugira ngo tube urugero mu miyoborere myiza tumurikire abandi banyarwanda. Mu bunyarwanda mbere y'amoko.
- Ndasaba ko Abayobozi ubwacu ko twajya duhura tukikorera isuzuma/ evaluation ry'uko tumurika muri Sosiyete Nyarwanda. Tugaragaza ubunyarwanda, twarabuhaye agaciro mu ngiro.

Imyanzuro/ recommendations

- Tugomba kurinda igihugu cyacu, icyerekezo cyacyo , amajyambere, ubusugire bwacyo no kugihesha agaciro
- Gushyigikira ndi Umunyarwanda
- Abayobozi bagomba gufata iya mbere mu gushyira ukuri ahagaragara (self evaluation)
- Gushaka inzira zakoreshe mu gushyira ukuri ahagaragara bikatubera impamo n'igihango mu gihugu cyacu (road map)

Mu gusoza

- Ndongera gushimira Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, Madamu Jeannette Kagame n'abayobozi ba Unity Club kubw'iki gikorwa cy'indashyikirwa cyo guhuriza abayobozi hamwe tukishima aho twakoze neza kandi aho tugifite intege nke, tukahasesengura tugafata ingamba nshya.

Ndabifuriza gukomeza kuba intwararumuri
n'umugisha w'Imana



Kuwa gatanu tariki 11 Ukwakira 2013

Bishop John RUCYAHANA
Prezida wa Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiye